
François MUNYABAGISHA

# Rwanda: AMAHINIDURA



## Umuvuno w'Ubwiyunge Nyakuli

Éditions Lambda

Tuzilikane inzirakarengane zose zili m'uburoko, tuzilikane abatutsi n'abahutu bazize itsembabwoko, tuzilikane abantu bose bacujwe ubuzima n'itsembatsemba m'u Rwanda no mu bihugu birukikije ; abashyinguwe, abagitegereje n'abazimiye.

Tuzilikane n'abakoze ayo mahano. Ahanini si k'ubwende bwa bo. Buli muntu avuka ali umuntu mutaraga, bamwe bagakura banduzwa guhemuka, ahanini kubera indwara z'ibyiyumviro zandulira mu mibaniranire n'abandi, mu mvugo no mu bishushanyo by'amateka.

Tuzilikane kandi ko nta ntungane ibaho. Ntawe uneza bose, ku mpamvu z'uko abantu tutumva kimwe, tutumvira limwe ingamba kamere z'ubuzima rusange bw'abantu n'ibintu. Kugira neza haba igihe byivanga no kugira nabi, kandi ntawabigambiliye. Utabara uwo bataye k'umunigo, ntiyitwaza bibiliya. Aliko aba ashobora kwitwaza impiru aho gutamika ingobe. Ni undi muco wo kubakwa.

Tuzilikane ko dufite amahirwe adasanzwe yo kurandura burundu inzigo n'imizi y'amahano m'u Rwanda. Birashoboka, turabishoboye. Twikubite agashyi dukomeje, bitali bimwe by'agashya, duharanire ko ubwiyunge nyakuli bugerwaho mu maguru mashya, nta muvundo, m'ubupfura no mu mahoro ahuliweho na buli wese. Nta n'umwe utazahungukira ibirenze ibyo yabonera mu zindi nzira.

Munyarwandakazi, munyarwanda,

Muntu wese witabiliye gusoma ibi bitekerezo by'ubwiyunge byerekeza m'ukubaka u Rwanda rwiza,

Ngutuye iki gitabo.

Kigire icyawe, ufite uburenganzira bwose bwo kukifashisha wiyubaka, wubaka umubano ubôneye mu bantu. Akebo kajya iwa Mugarura ! Kwandika mbikesha ahanini ubuntu bw'abanyarwanda, abalimu n'ababyeyi. Gira ubuntu usome, usomere utabizi, usomye ukugannye. Nibigushobokera unyunganire, unyakure tuganire nawe unyungure imyumvire ifasha kwivura, iganisha k'ubwiyunge.

Integuza

Kuvuga ikinyarwanda biraryoha, kucyandika birakomeye, kugisoma bikarusha.

Ikigoye, ni amasaku. Amagambo menshi yandikwa kimwe, kandi adahuje amasaku n'igisobanuro. Urugero: isoko bahahiramo, n'isoko y'amazi. Umusomyi aba agomba gusoma interuro nk'usomesha umuheha amarwa, yumviriza, ashaka kuyumva uburyohe.

Nagerageje hamwe na hamwe kunganira umusomyi nkoresheje utugofero hejuru y'inyajwi, twerekana icyerecyezo cy'amasaku. Utwo tugofero ni : ^ , ` , ¨ ; - (ā ē ī ì ū ü ö ō ō)

Isiri :

ò – hejuru (inkòkò kazi);

ô – hejuru gato (amakôsa, amasâku) ;

ō – hasi ukayitindaho (inkōko yo kugôsōra - oo) ;

ö – hejuru ukayitindaho (iköti, ishäti - ôô).

Urundi rugero : isòkô bahahîrâmo n'îsöko y'âmâzi. Umusomyi aba agômba gusoma nk'ùsòmesha umuhèhà amàrwà, yümviriza, mbere yo kugira uwo asomya.

## Icyivi cya 5. IMIZI Y'AMOKO N'UBWOKO

Twese tuyakomeyeho. Nyamara ntidutezuka kuyamagana. Ayo moko ni bwoko ki ?

Aya cyera ntakivugwa, haharawe inyabutatu. Ituvugisha menshi adutesha igihe, tuyakoresha byinshi bitavugwa, bidasobanurwa. Amoko ngo yaba atera amahano ! Bamwe ngo ni acibwe, amahoro abone aboneke. Abandi ngo guca ubwoko ni uguca abantu. Si bwo impaka zibaye urudaca ! Impaka z'amarangamutima usanga buli gihe zitagira aho zigana.

Ese izo mpaka zo ni bwoko ki ?

## Ifoto y'ubwoko

Mbere yo gusesengura ifoto y'ubwoko, byaba byiza kwibutsa icyo bigamije n'akamaro kayo. Amoko si imvura, si ubukungu. Ubuze amazi, ntiyanywa ubwoko. Abahuje ubwoko, ntibahuza imibereho, uretse kubyibeshyaho. Haba mu mahanga ndetse no m'u Rwanda, kwambaza ubwoko bihira bacye. Abo ni ababugira indangabwenge-marangamutima (intelligence émotionnelle). Aha hakaba umugina w'ikimenyane. Atali ay'inda n'indagu, amako se yakabayeho koko ?

Amoko aliho, kuko haliho abantu bayiyumvamo. Bibe uburenganzira bwabo, bipfa kutabaviramo guhūmāna. Ibyo birahagije kugira ngo amoko yubahilizwe nk'uko ibindi biranga ukwemera byubahilizwa. Aliko ibyo ntibibuze kumenya imizi yayo. Kuba amoko atarahozeho, ni ihame. Afite idilishya n'igihe yinjiriye mu banyarwanda. Urwanda na rwo ntirwahozeho. Rufite igihe rwashingiweho. Ibyo ntibiganisha guhakana amoko. Kuko atali byo byayapakiye mu mitwe y'abayabonamo indorerwamo zabo. Ikibazo lero ni uguha ubugeni bwa politiki, intera irenze umutwe w'amoko. Abaho atabaho, politiki igakorwa kimwe idahindagulika.

Ukuli k'ubufindo bw'ubwoko, ni ikimenyane. Uwo muziranye, musaranganya ibibabeshejeho, muba musangiye ubwoko. Hakaba abumva gusaranganya bidahwitse, bagashakisha uburyo bwo kwiyoroherereza imibereho. Iyo batihishe inyuma y'amoko, bihisha inyuma y'ibitsina, inyuma y'uturere, inyuma y'ubwenegihugu. Nyuma bakandika amateka, ahinduka indorerwamo y'ikimenyane, ikibimutera n'ikimubeshejeho. Nyamara umuntu akomeza kubaho bitali ku mpamvu z'amoko. Nkibaza igituma abenshi bitwa ko bize ubwenge bw'ibitabo, batabibona.

Ikibazo lero si inyoko y'amoko, ni imyumvire y'ihame ryo kubaho rihuriweho n'ikiremwamuntu, iyo kiva kikagera. Dushobora noneho kuganira ku mpaka n'intambara z'ubwoko, twizera ko bidufasha kwipakurura indorerwamo zayo, tukazisimbuza iza muntu.

### *Ubwoko bwalivanze*

Ubwoko bwalivanze, bivuze ko bufite iyo buva n'iyo bujya. Uvuga ko ubwoko ali balinga, ararota. Buliho, naho ubundi ntitwaba tubuvuga. Umuhutu abyara umuhutu, umututsi akabyara umututsi. Ibyo byanditse mu gitabo cy'iremwa ry'ibinyabuzima. Aliko se mbaze nkana, umuhutu n'umututsikazi babyara iki ?

Ubwoko bwalivanze, ntawe ubutije ubushake. Buzavangurwa ryali, na nde ? Kuki ? Ngo "i Gitarama inyenzi zalivanze". Inyenzi nkotanyi, n'abahutu bavangavanze n'abatutsi. Amoko yalivanze, ubugira kabili. Mhere hafi aha, haravugwa amoko atatu, y'inyabutatu. Aya moko, aravanze. Hali uburyo bwinshi buyavanga. Gushyingirana, kubyalira, kurerera, kugenderera no kunnywana. Zitoni ( umuhutu ) ati Kagwiza (umututsi) ni amaraso yanjye, aho aguye ndahagwa. Wahera he lero ubatandukanya !

Ibimenyetso by'ubwo buvange ni munange. Ndetse nemeza ko mu myimerere amoko asigaye ahagaze nk'urusuna m'urukangaga. Abanyarwanda batavangiye koko na gato ubwoko, bazantere amabuye. Abasenyeri, abami, abategetsi, abiru, baravanze, baravangiye. Ukumva nyakuvanga yikojeje mu bicu ngo ni umwe muli batatu, m'ukuvayo akaba yikoze mu nda. Aya macumu y'inda batagorora, ni ishyano ! Abiterwa n'iki ?

Amoko yalivanze, nako yaravangavanzwe. Ubwoko ni iki ? Bumaze iki ? Haba ubwoko bw'umwimerere, n'ubw'indorerwamo. Ubasha kuvuka k'umutwa, ukarerwa n'umuhutu kandi ukaba umututsi, bitewe n'inkuru wabwiwe. Inkuru tubwirwa, dusoma, amateka dusobanulirwa ni indorerwamo z'amoko. Ko aho kuduha intango yo kwimenya zidufasha kwironda, aho zifite ireme ?

Habayeho ubwoko bw'ikiryango (clan), habaho ubwoko bw'imibereho (statut social). Ubwo bwoko bw'amoko bwalivanze. Umuzigaba akaba umutware, undi akamubera umuhutu. Nyuma haduka ubwoko bw'umuco (ethnie). Ubu bwoko bwaduka, nta gisanira bwagiraga mu muco no mu moko by'i Rwanda. Ubwoko gakondo (clan) n'ubu bw'icyadukira (ethnie)

bwitwa bwose ubwoko, bukaba nabwo buvangavanze. Nyamara ni bacye babitindaho, babyibazaho.

<table>
<tr><th>Ingengabihe</th><th colspan="6">Ubwoko</th></tr>
<tr><td>Abakurambere</td><td colspan="6">Umuntu</td></tr>
<tr><td>Abakambwe</td><td>Abasindi</td><td>Abega</td><td>…</td><td colspan="2">Ababanda</td><td>Abagesera</td></tr>
<tr><td rowspan="2">Abajyambere</td><td colspan="3">Abatware</td><td colspan="3">Abahutu</td></tr>
<tr><td>Abatutsi</td><td colspan="3">Abahutu</td><td colspan="2">Abatwa</td></tr>
<tr><td>Abaterambere</td><td colspan="6">Umunyarwanda ( Ndi … )</td></tr>
<tr><td>Abazaza</td><td colspan="6">Abantu</td></tr>
</table>

Utabizi yicwa no kutabimenya, aho bitugejeje ntihavugwa ! Turazunga muzunga mu ngazi z'amoko tutazi iyo twerekeza. Ndi umuntu, ndi umugesera, ndi umukozi, ndi umutware, ndi umuhutu, ndi umuny… ! Izi « ndi » si izo kundinda kuzindara no kwibeshya inzira y'umukiliro.

Gupfundura aya mapfundo ni ngombwa, kandi bilihutirwa. Maze u Rwanda rugakunda rugatuza, rukongera rugaturwa ubutagwa invura z'amahano.

***Amoko mu muheno.***

Umuheno ni ikipande cy'umwobo w'ifuku, ihenamo kuzayikurayo bikaba ingorabahizi. Icukura igana ikuzimu, yagera hasi igacurukura, inyuma yāyo igahandira, maze ikituramira, ikararama. Uyilima ntayigeraho atayivomeye. Amoko nayagereranya na bene uwo muheno.

Sinakoze ubushakashatsi, aliko ndabona, nkumva, nkibaza, ngasubiza. Mbona izina abanyarwanda ubwaryo, ali umuheno. None se, umunyarwanda ni nde, ni muntu ki ? Uramushakisha umubure, kandi ahari. Akeneye iki, ashaka iki, akora iki ngo akigereho ? Iyo umunyarwanda avuga u Rwanda n'abanyarwanda, avuga akuramo.

Nkibaza uvugwa ni nde, ko rubanda mu mihanda no mu milima bateze agahanga, aho gutega amatwi !

Dore uko abanyamashyaka babona abanyarwanda n'ibibazo by'u Rwanda. Bose nta n'umwe wa kirazira wo kugenekereza, abayeho byaba ali mahire. "Ikibazo, ni ukudasangira ubutegetsi". Aho yē ! Kudasangira, ubutegetsi. Nkibaza impamvu batabusangira, kandi bakunda igihugu. Abavangura amateka ya 59, ni muli iyi ndorerwamo babona umunyarwanda. Abasobanura imizi y'amahano ya 94, ni yo ndorerwamo bahozamo. Niba ikibazo ali ukudasaranganya ubutegetsi, abavuga, abavugwa n'abavugirwa si abandi ni abategetsi. Abavuyeho, abaliho, n'abazaza. Abo ni bo banyarwanda se bonyine ? Oya. Aliko byaremewe biba umuheno w'ubundi bwoko, uhandiye.

Undi muheno, ushushanya inzira y'ubwoko. Ubwo butindi, si umulima umeramo inyabutongo. Nyamara abenshi mu bategetsi, navuga ndetse hafi ya bose, barabukuliliza bakanabwishingikilizaho. Haba mu mvugo no mu ngiro, cyangwa kimwe muli byo. Bitabaye ibyo, bahindura inanga.

Kwireba ukibona mu ndorerwamo y'ubwoko, ni uburenganzira busesuye. Aliko ni kimwe no kwifotoza kw'impumyi. Biyimalira iki ? Nyamara haba impumyi zikunda kwifotoza, hakaba n'abahahisha ayo mafoto. Imizi y'ubwoko sinyigarukaho. Ngo habayeho Kigwa, Kimanuka, n'inyabutatu ! Aha ndatangazwa n'ukuntu tumashanira gucukumbura, gucukura ibujyakuzimu nk'amafuku acukura imiheno. Abatabikozwa barararama bati ubwoko ntibubaho. Nyamara baba babona ko abenshi babutsimbarayeho. Uwareka gucukumbura, akicira umulingoti wo kulinda umulima isuli ngo ubashe ukomeze were ibyo gusangira.

Uyu muheno w'ubwoko, ushamitseho uw'imhunzi. Ndavuga imhunzi z'amateka. Usesenguye, usanga imhunzi zose zabalirwa muli uru rwego, mu gihe cyose amateka agaragaramo ibivumbikisho byo guhōza no gûhêzanya hanze m'ubuhungiro. Imhunzi z'indaro mbi, imhunzi za rwantambi, imhunzi z'amazindaro. Yarahunze bishyira cyera, inyuma ye inzira irasiba, nawe ntakamenye ko imihanda yimuwe ikaba ali nyabagendwa. Hali imhunzi zihejejwe hanze no gutegereza ko ibintu bisubira uko byahoze cyera, cyera mu bihe by'amateka. Uko inzira zisibama, ni ko kunamba k'ubwoko bikomera.

Amôko afite isôkô, ni ukuvuga abayakomeyeho n'abayacuruza. Akagira n'isôko aturukamo. Byombi bisangiye umuzi, umwe w'ubujiji. Amoko si ibijumba, si zahabu. Abapfu bapfa amoko, nk'imhumyi zirwanira amafoto. Amoko abaho atabaho, abayapfa bapfa kuba abapfu. Ni abapfu bapfuye kera. Amoko lero ararengana ntiyica. Hica ubujiji, n'uburangare.

Abazungu baraje, bati dore isôko, turagotomera. Nta gushishoza, nta gushungushura. Ku mpamvu ko turabukwamo inyungu tutanazi kubara. Ubumenyi buzamukira ku nkuta z'imihigo. Uguhiga ubutwari mugatabarana. Twagira ibyago tukabura intwali zo guhiga abera bambaye ukuli ! Ni indili y'ubujiji. Ntibibe indilimbo. Turebe iyo biva n'iyo bijya. Maze twikubite agashyi tureke gushyenga mu bikomeye. Byajya byakomera se mwa ntwali mwe ! Kuvuga ukuli kw'amoko si umulimo woroshye. Aliko ni intangiliro y'ubwigenge nyabwo.

Abazungu mu moko, ni agahomamunwa. Ngo ni umweru cyangwa umukara. Bakaba bararurangije. Agahomunwa si uko batuzunguza bacangacanganya ibishushanyo by'amoko, agahomamunwa ni ukubona tuzungera bene aka kageni, batureba, batubeshya, tukabyemera tugakomeza kubakamira no kubakomera amashyi. Iyo utije agaciro imvugo y'umuzungu runaka, uba umukamira, unamukomera amashyi nta nayo agusabye. Ibi ni akandare.

Inyabutatu ni bwoko ki ? Si ubwoko, kandi ni ubwoko. Yabashaga kutabaho, aliko iliho. Ni indorerwamo amaso asomesha inkovu z'amateka. Kuyavuga si ko kuyamara. Kuyasiba, kuyandika ukundi si ko kuyasiga. Kwandika andi nkayo byo ni akandare ! Inzira iba imwe, ubwiyunge no kubaka amateka yubaka umurage w'ubuntu

## Isöko y'amoko

Aya moko akomoka he ? Simpabona, aliko ikigaragara ni uko atali amaremano. Si n'amazanano, ni amahangano. Uwayahanze, ntiyakarabye. Si karande, ni amadukira. Kimwe n'umuderi, azashyira abure isoko, arembere nka nyomberi. Dusubize amaso inyuma, tunage akajisho hejuru iyo tuva, imusozi iwabo wa muntu.

### *Umuntu*

Mbyiruka, nakuze havugwa cyane ubundi bwoko butali ubu bw'inyabutatu zo mu mwijima w'amahano. Sogokuru ubyara mama yali umubanda. Ubyara data akaba umugesera, w'umuzirankende. Nkura numva ndi umuhutu, w'umugesera. Kuki ntashoboraga kuba umubanda, cyangwa umugesera w'umubanda ? Ni uko abakurambere bali barabyumvikanyeho. Abakurambere bo hambere, hambere ntazi. Ibi se byo byo kuva k'ubugesera ujya m'ubuhutu, byumvikanyweho na nde, ryali ? Byatangiliye he, byaturutse kuki ? Mbese ubundi bimaze iki kwirondora ubwoko, ko ubwoko budahura n'ibiragano ? Simbizi. Ubanza atali benshi babyibazaho.

Inkomoko n'ireme by'amoko birahinduka, bikagenda byibagirana. Mbere y'umudeli w'inyabutatu, habayeho mu bihe bitandukanye izindi ndorerwamo z'amoko ashingiye k'umubano mu bantu n'amateka by'ibyo bihe. Dushilitse ubute twazamuka tukagera k'ubwoko rukumbi rwa *muntu*. Byaje bite ngo umuntu amanuke hejuru iyo, abyare abagesera, abakono, abanyiginya, abungura, abega, abatsobe, ababanda, … , abatuze intara z'urwanda atavangura, nyuma bakaza kwibarukamo inyabutatu ?

Simbisobanukiweho, cyane ko bikunze kuvugwa kwinshi. Icyo mbona cyo n'uko, abitwa ko twize duhebuje kuba inyanda, n'abanyenda gusa. Gushakashaka, gucukumbura, kwandika no gukulikiranya amateka biratugora. Nyamara amateka ntaruhije, kuko afite ibimenyetso. Mhere ku mateka y'indangamuntu yabaye igikoresho cy'itsembabatutsi. Byaje bite ngo ubwoko bw'inyabutatu bwinjire mu ibarura ry'abaturage no mu ndangamuntu ?

### *Indangamuntu*

Mfite indangamuntu, umideli wa kabili n'uwa gatatu. Izo ndangamuntu ntiziharura amoko kimwe. Iya kabili iha umwanya mugali ubwoko karande, buliya bw'ikiryango. Bwandikwaga m'umukono urambuye, nk'uko izina n'ibindi biranga umuntu byandikwaga. Munsi y'ubwoko, hahagitse inyito *ethnie*, hagati y'utubago hakaba ihitamo ry'ubwoko hutu, twa, tutsi. Muli iyi ndangamuntu, biragaragara ko ubutegetsi bwavangavanze ibintu bitandukanye. Ubwoko si ethnie, « ethnie » si ubwoko. Nyamara ntibyigeze bicira ishati intiti, ngo bikosorwe.

Aho gukosora urwo rujijo, mu ndangamuntu ya gatatu byahubiye ku mirali. Ubwoko nyabwoko bwakuwe k'umurongo w'ibimuranga, hahalirwa ubwoko bw'inyabutatu, hiyongereyeho ubw'abimukira. Ndemeza ko iki gikorwa cyongereye ubukana kamere y'amahano ashingiye ku moko.

### *Ak'imuhana*

Byaje bite ngo abategetsi bize, baragire amoko bigaragara ko atali amashyo ? Kubisobanukirwaho si ibya vuba aha. Gusa navuga ko ali ingendo y'abasore biruka ubudasubiza amaso inyuma, kandi batazi iyo bajya. Ndasobanura. Abo bategetsi ntaho bali baligiye gutegeka. Uwo bigiyeho ni umukoloni, na bwo igihe gito. Bamufata nk'imana, ibyo usa na we avuze bakamira bunguli. Babyita kwigenga !

Inzubere z'abazungu zadukana indorerwamo y'inyabutatu, zihabwa intebe. Nta gushishoza, nta gushungushura. Ibyanditswe bifatwaho amahame, nta no kubaza aho byaturutse, uburyo byakusanyijwe.


Na n'ubu ni cyo kimwe. Mwene madamu apfa kubumbura umunwa, cyangwa agakubita ikaramu, abasore b'iwacu bati twasakiwe. Abasore mvuga ni abize gusoma no kuryoshya invugo, dore ko kwandika byo bitali mu mico yacu. Tukitwa ko twigenga.

### *Inkuru y'ukuli y'u bwoko.*

Umuntu umwe uli wenyine ntagira ubwoko. Atangira kubugira iyo haje uwa kabili. Bashyikirana, bakagendana. Bavugavugana, umwe akabaza

undi ati ese uba umuntu ki, uba bwoko ki ? Uko abantu biyongera ni ko n'amoko agenda yiyongera. Ni ko mbitekereza.

Cyera habayeho umuntu m'ubuke. Ubwoko bwe bukaba ubumuntu. Sinzi niba yaranibonagamo ubwoko. Yabonaga izuba liva, akabona bwira bugacya, invura igwa, ibimera bikera. Aratunga, aratunganirwa, arabyara agwiza amaboko. Agaba amashami arenga imisozi.




Hirya no hino abandi baza bamugana, barahura bahana inka, bahana abageni. Bili n'ubu. Baca akenge barema ubwoko, bwo kubalinda kwironda no kubyarana n'abo babyaye. Amoko aba urukingo rw'amacugane. Birakomeza, arakomera, aba ibishyitsi bidashyigurwa. Sogokuru akura ali umugesera w'umuzirankende. Ashaka mu bashambo b'abagamba. Ayirwanda aravuka, abyiruka ali umugesera. Arubaka,

arabyara, arabyirura, ali umugesera. Ashyingira umugeserakazi Nyirabagenzi mu basindi, umuryango uba mugali. Birakomeza.

Bulira mu gicuku, ihinduranteko bise revolution iti bā ! Umugesera Ayirwanda ati mbaye umuhutu w'umuparimehutu. Ndavuka mvuka ndi umugesera, mbatizwa ndi umugesera, w'umuzirankende. Aho maliye gusoreka, bankoshereza ikimuranga. Muli iyo ndangamuntu, banyibutsa ko ndi umugesera, nkaba n'umuhutu. Byitwa ubwoko nkomokamo. Umugesera n'umuhutu. Hali igihe nibwiraga ko umuhutu ali ubwoko bwa mama. Ntaho nabonaga ubwe bwanditse. Mbivuze baranseka, mpita mbyibagirwa. Muyaga, ni uko yiswe, irahuruduka yibasira abatutsi hafi ukwezi kuzima. Inkongi z'umuliro zïrängïra mu mutwe nk'akagoma k'inyundo y'umucuzi w'amasuka. Muyaga irahita itamhitanye, numva ndi umuhutu kuruta kuba umugesera. Ubwo igicumbi cy'umuzirankende mba ndagitaye. Iyo sogokuru ajya kubaho, akabona iyo vuruguvurugu, yali kumhanüra ati wïca umuryango. Ng'uko uko nacuzwemo umuhutu.

Utwo tunyundo twarakomeje, tudondanga boshye inkonji ku gahanga. Abasilikare biswe *abakiga*, nabyo simenya neza uko byaje, bafata ubutegetsi bamena amaraso y'abanyenduga. Ihingamiza liraza ryitwa kulinganiza. Inkonji k'umutwe iradondadonda mu matwi y'ishuli, mu menyo y'umulimo, mu maso ya polisi, … Mba umunyenduga. Umunyenduga w'umuhutu. Data ati karabaye, twaciliriye ubwigenge none tubyiruye ibyigenge, abagesera turacitse !

Rurakururana, ngaho abakiga, ngaho abanyenduga, ngaho abahutu, ngaho abatutsi. 90, 91, 93. Ubuparimehutu burakanguka. 94 ibinnyamo. Umununko ! Kugeza n'ubu. Inyundo icura amoko ntiyahwema, imivuba irasaza, irasimburwa. Buli munsi agashya, kaza gashimangira agasanzwe, ngo ndi umuhutu, w'umuparimehutu, ndi umututsi, w'umurunari. Ahā ! Turakomerewe. Balitsamura, bagakiza ubwoko. Wabitarura bakagutabukana ngo ngicyo ikirumirahabili, ukabanikira bakagutega iminsi ngo uzashyira uzamokorwa.

Ng'uko uko ubwoko bwizilitse k'u ijosi rya kanyarwanda. Ngo ni umurage w'abasogokuruza ! Si umurage ni umudeli twihangiye. Tuwambare, nk'uruhu rubisi rutwumireho, duhebere urwaje aliko tutabeshyera abakurambere. Ndabona uruhu rulimo kumagana, dore

amenyo ya benshi arakomangana. Arashaka kuramuka mwene muntu. Arashaka kubaka, arashaka kubyirura. Aba umuhutu aba umututsi, ntacyo bikimumaliye. Nyamara hirya hino, dondidondi y'amoko ntihwema. Ku ishuli, abalimu mu mahanga, baligisha kubanirana, bakagusha ku mateka y'abahutu n'abatutsi m'u Rwanda. Abana banjye bambazanya amatsiko bati tuba abahutu, abatutsi se ? Mbasubilize iki mwa babyeyi mwe ko hano haba abanyekanada, bakaba abakebekwa, byalimba hakaba abera n'abirabura ! Mu Rwanda ayo moko ntabalizwayo. Nimbongereraho ko babaye abazirankende, abagesera, abanyenduga, abakiga, abaparimehutu.... Ouf ! Reka nduhuke.

Ibi byose bifite aho biva. K'ubujiji, k'ubunyanda, no ku macumu n'amoco by'inda. Hano mba umuntu, kuko ali cyo ngenderaho ngo mbone ihaho, mbone ifunguro lintunga. Mbaye igisimba cyangwa ikindi ntazi, ntawanfungulira umuryango w'iwe. Nakanguka ndi mu gisambu, nkerakera nk'imbwa iligata urume. Ubwoko buracitse, buhaliye ubuntu. Si ibya vuba aha, aliko biliko biraza. Dushire ubwoba, kuba umuntu ntacyo byishe, kandi kureka ubwoko si ukwambara ubusa. Ni ukuli, si ubusa.

### *Ingofero*

Kimwe mu bimenyekanisha umuntu, ni umutwe we. Ibiwuvamo, n'ibiwuliho. Ng'uwo wa musaza utamilije imvi, wa muhanzi ufite inganzo, rya hogoza lidashira itoto. Ingofero ikunze kugaragara k'umutwe, ikaba aliyo iboneka. Igahisha umutwe, igatwikira ubwonko. Abantu akaba aliyo babona, bati tubonye kanaka. Uko bayibona, we si ko aba ayibona. Gusa aba yumva imuliho, imubereye cyangwa imuremereye. Ubwoko bw'umunyarwanda nabwo mbona ali ubundi bwoko bw'ingofero. Nibanza buli gihe akamaro ka bwo, uretse ak'ubugofero, ngashoberrwa. Ni akahe ? Umuderi ! Waje ute ? Bugofero. Biragoye kubisobanura.

Hali abagerageje gupfundura ili pfundo, bapfana kazungu ngo ni we nyirabayazana. Nyamara si we ubabuza kwimenya, kumenya icyo bali cyo n'icyo kubimenya bibamariye. Bihindura iki ku nzira y'ubuzima kumenya ko naba nkomoka kuli Adamu na Eva ? Menye se ko atali byo ? Ntacyo na gito. Nyamara hali ababilisha, ngo bazi kubibara inkuru. Ya moko

nayo hali abayaragiyemo imbwa z'imhigi. Wagira icyo uyavugaho gitandukanye n'inyungu zabo, bakagushyidikana. Cyane iyo ushidikanya kw'ireme ryayo. Kuvuga ko amoko uko tuyambaye atali muli kamere yacu, ko atali amaremano, byagombye gutera amatsiko umuntu wese witwa ko yize gusoma. Byibuze akamenya ko umunyamahanga adafite ijambo rya nyuma m'uruhando rwo guhanga indorerwamo y'ibiranga umunyarwanda.

Nanjye nongere nti : amoko nta soko ndemano afite. Ni amahangano. Buli butegetsi bushaka kuramba butarambirana, bukabifashwamo no guhimba ibikuzo by'igitanza, bizira gusobanurwa no guhinyuzwa. Uko byigishwa, bihererekanywa, ni ko bifata isura y'amateka nyakuli atali amahimbano. Ntiliwe njya kure mu mizi y'ibikuzo ndemamoko, reka ndunguruke gato munsi y'ingofero y'ikitwa inyabutatu nyarwanda.

Mbanze mvuge k'umutwa. Umutwa uvugwa ibigwi tuzi. Ibigwi by'ubugwali. Ngo ni impunyu, zitagira imikoro n'amikoro ! Koko ? Yajya gutuka umuhutu, umututsi akifata ku gahanga ati uli umutwa. Nawe wa muhutu, ati umutwa ni wowe. Byali cyera se ? Oya, bili ubu. Cyera si ko byali bili. Umuhutu agaterura umwana we, ati nkwise Ayabatwa. Umututsi ati nguhîge, nite Semutwa. N'andi mazina meza nka Mbonyumutwa, Sagatwa. Gatwa, Kabutwa. Ubu mutambeshye hali umuhutu cyangwa umututsi wakwita bene ayo mazina batayasanganywe mu muryango ? Cyera byali bisanzwe. Si uko batali bazi kwishongora no kwironda, ahubwo ni uko ubutwa bw'icyo gihe n'ubw'ubu bitagira isano. Umutwa bivuga iki, bikomorwa kuki ? Niba ali impunyu, kuki atiswe gutyo ngo byumvikane ?

Ili hulizo amoko yose alihuliyeho. Ni ukuvuga ko asangiye kamere y'ibuhangano. Inyito abatutsi iva he, yaje ite ? Abatutsi baliho, ibyo si inzozi, si icyifuzo. Aliko se biswe ryali abatutsi, na nde ? Simbizi. Abanyarwenya, bazi gutebya, ngo kuva u Rwanda rwaremwa, rwatuwe n'inyabutatu. Ruremwe vuba noneho ! Mbare na mbariro, imbaga nyarwanda ibarwamo amoko y'ibisekuruza mirongo, none ngo yaremwe ugutatu ! Bazarangaze abahinde, m'u Rwanda kiranyagisha. Ngabo abagesera, ngabo abazigaba, ngabo abacyaba, ngabo abega, ngabo ngabo, ngo ni inyabutatu ! Umva ngo barankwena. Ntawe mbujije kwiyambalira ubwoko. Gusa ndibaza ku nyoko yabwo.

### *Ubufindo*

Ili pfundo sinditindaho. Atali uko kulipfundura bidafite umumaro, gusa nabigerageje ubugira kenshi, nahumbya gato amoko akaba yongeye yasobanye. Mu kiryango (ubwoko) cy'abagesera, halimo inyabutatu, mu banyiginya, halimo inyabutatu, mu basindi halimo inyabutatu. Nta kiryango kitavangiye, ndetse mve ku kiryango mfate imiryango. Ubwo bwoko bwivanze mu moko, bwaba bukuru gute kuli yo ?

Naravutse mvuka mu bagesera. Mbyiruka nzi ko ndi umugesera. Nza kwibona mu ndorerwamo y'ubuhutu m'uw'i 73, mu mahano yiswe muyaga. Muyaga ! Sinibuka niba mbere y'aho nali nzi gutandukanya ingo z'abagesera b'abatutsi, n'iz'abandi b'abahutu. Ndibuka gusa ko mu biganiro wagiraga utya ukumva umusaza yirahiye uwamugabiye. Akenshi uwo yirahiraga yabaga yaramuhatse, mu yandi magambo yaramubereye umutware. Uwatwaraga yitwaga umutware. Uhatswe akitwa umuhutu. Yampaye inka Numugabo, umutware wo kw'Iperu ! Ng'uko uko umututsi Kamanutsi wo mu Gisiza yatangaraga ashimangira cyangwa yitaza imvugo, ingiro y'undi.

Nabyirutse numva ko umutware yagiraga abahutu be bamuheka, bakanamukorera imilimo y'ibanze, nko guhinga, kuragira. Kuva ubuhake buvuguruwe n'ihinduramico ryo mu mpera ya 50, hadutse indahiro ngo « sindi umuhutu wawe, ntiwamhatse ! » Aliko hali imvugo igikomeza kumvikana ngo « ni umutware wanjye ». Umutware yagiraga abahutu be, nawe akaba umutware wabo.

Ubu abatware ntibakibaho, aliko abahutu bo ntaho bagiye. Tubyumve gute ? Abahutu bahindutse abahutu. Ni ukuvuga abahutu b'imilimo biyuburuyemo ab'ubwoko. Ubwoko bw'amazuru n'amanyanganya. Mwiyumvire namwe. Aha ni aho kwibazaho. Byaje bite ngo umunyamilimo yambikwe igishushanyo cy'inkomoko, byaje bite se ngo icyo gishushanyo cyitirirwe ya moko mirongo y'ibiryango nyarwanda ? Ni ubufindo butagira gifindura.

Numva kenshi ntabigendereye, abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga bihanukira ngo abahutu bahoze ali abahutu b'abatutsi. Birashoboka ! Aliko se ko ntaho nigeze numva bavuga ngo « umututsi wanjye ».

Umuhutu wa njye, umututsi wa njye. Nalibajije, ndabaza, mbura igisubizo. Nagerageje no kugenekereza ngo mvuge ko umutware yiyuburuyemo umututsi, aliko nkayoberwa uko ubwo bwiyubururе bwaba bwarafindafinzwe. Va k'umutware, jya k'umututsi ! Oya, ntibihwitse. Ubonye iyo bajya kwitwa abatwa.

Inyito umututsi ifite aho yaturutse. Kandi ntituzahafindura. Ni cyo kimwe n'iy'umutwa, ndetse n'umuhutu. Njya nsoma, nümva ngo abahutu ni abantu. Abandi bo se si abantu ? Kuba abigize inzobere mu irondoramoko babatije *bantou* abatuye intara z'Afurika u Rwanda rulimo, si byo byakurura gukwega izina abahutu uliganisha ku *bantou*, ngo ni uko amasaku asa. Abahutu mu gishushanyo cyo hambere ni abakozi, bafite ababahatse ali bo abatware babo. Nta mutwa, nta mututsi. Bose ni abahutu b'umutware runaka iyo bo ubwabo batali abatware. Uwabinjije mu inyabutatu yarahemutse. Abahutu bazahoraho, ndavuga ababeshwaho no guca inshuro, bakorera abandi. Basigaye bitwa abakozi. Abatware nabo ni uko, ubu bitwa abakoresha. Ikibahatse bose, ni kimwe, ikibabeshaho. Niba ali cyo ubwoko bushingiyeho, bwaba inyabubili.

Kuki ikimara gutsinda, FPR *y'abahutu* n'«abatutsi», yibasiye abanyarwanda yasanze imbere mu gihugu, cyane *abahutu* bitwaga ko bateye imbere mu majyambere-muntu, m'ubugeni bwo gutegeka no m'ubukungu ? Uretse ibyo kunyoterwa n'ubutegetsi, yali ifite umuzigo w'amadeni y'intwaro n'imyënda y'ubwitange yasabwaga kwishyura. Yagombaga gufata ubutegetsi, igashinga imizi. Iza ituruka hanze, ntiyabashaga kuyobokwa n'abantu bafite imhagalike, itabanje kubatigisa, kubajegajeza. Byabaye ngombwa ko habaho ibitambo. Ikibazo kikaba ku mpamvu y'ibitambo. Iyo abantu bataganiliye m'ubupfura, ngo bagere aho bumvikana, inzira y'ibitambo iba ngali.